Inyandiko-Mvugo y'Inama yo ku italiki
ya 15 Nzeli 1983
=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

- Taliki ya 15/9/1983, Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli S/Prefegitura ya Nyabisindu yakoresheje inama yamuhuje n'Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli iyo S/Prefegitura igizwe na Komini NYABISINDU, RUSATIRA, NTYAZO na MUYIRA.

- Inama yasuzumye ingingo zikulikira :

  - Kumenyana kw'Abayobozi
  - Gusuzuma ibibazo by'urubyiruko muli rusange
  - Kumva ibibazo n'ibyifuzo by'abali mu nama.

- Bamaze kwemeza ingingo zisuzumwa, Umuyobozi w'inama yasobanuje bimwe bitumvikana yasanze muli raporo z'Abayobozi mu makomini cyane cyane ingingo ireba umubare w'urubyiruko rufite kuva ku myaka 10 kugeza kuli 24. Yatangazwaga n'umubare w'urubyiruko aliko akabona abali mu mashyirahamwe ali bake; yaje gusanga abayobozi bo mu makomini batavangura urubyiruko rwiga - urufite akazi n'urundi rwose rwandagaye.
Bumvise neza ko hakenewe umubare w'urubyiruko rutashoboye kwiga n'urutashoboye kurangiza amashuli kuko alirwo tugomba kwitaho cyane. Basanze iyo mibare bazayaka ba Bourgmestres babo kuko babonye amabwiliza ya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yerekeye ilyo barura.

- Ku ngingo yerekeye ibibazo by'urubyiruko, inama yasanze urubyiruko rwose rufite ibibazo bimwe iby'ingenzi bikaba ibi :

  - gushaka umukiro wa vuba kandi rutarushye
  - kubura abarutera inkunga mubyo rukora
  - rukenera guhugurwa no gushyigikirwa
  - kubura aho bagulishiliza ibyo bejeje...

- Mu gusuzuma ibyo bibazo bagerageje no gushaka imiti babibonera ali nabyo shingiro ly'akazi bashinzwe. Bazihatira cyane cyane ibi bikulikira :

  . Kumvisha urubyiruko akamaro ko gukora imilimo y'amaboko
  . Kurwumvisha akamaro ko gukorera hamwe (Associations-Précopératives ...)
  . Gushinga amashyirahamwe y'imyuga (ateliers)muli buli Segiteli.
  . Gushyigikira no gukomeza amashyirahamwe y'urubyiruko asanzwe aliho.
  . Gushaka amasoko yo kugulishilizamo ibyo amashyirahamwe yejeje no guhana bihanukiliye abanyereza umutungo w'amashyirahamwe.

.../...

. Gusaba Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino hamwe n'Ubutegetsi bwa za Komini gushakira urubyiruko ibigo biruhugura mu byerekeye imyuga, kandi rwarangiza rukabona ibikoresho by'ibanze mu gihe rwishyize hamwe.

. Gufatanya n'ababyeyi bagatera urubyiruko inkunga mu bikorwa byabo byose; byatuma rutihatira guhunga ibyaro.

- Bamaze kumvikana kuli ibyo bisubizo barebeye hamwe ibyerekeye imikino n'animasiyo. Kubyerekeye imikino, Umuyobozi w'Inama yabumvishije ko hagomba kuboneka amakipe ya za Segiteli ayo makipe yajya arushanwa hakabonekamo ahagaralira amakomini ndetse na S/Prefegitura.

Imikino y'intoke (B.B. na V.B.) iracyateye ibibazo kuko abayobozi b'urubyiruko n'Imikino mu makomini bavuga ko nabo batarayimenya neza ku bulyo bakwiyemeza kuyigisha urubyiruko. Bahise basaba ko babohereza amategeko ayigenga ndetse bakamenya no gukora ibibuga byayo. Imikino ngorora-ngingo (athlétisme) imaze gutera imbere hose aliko akenshi babura inkunga y'Abategetsi ba za Komini.

Muli rusange basanze haboneka ingorane nyinshi zibuza imikino gutera imbere. Zimwe muli izo ni :

- Kubura ibikoresho ngombwa byo gutangira
- Kubura ubulyo bwo guhuza abakinnyi n'abandi (véhicule)
- Ibibuga bike kubera imisozi mibi no kutamenya amategeko yo kubihanga
- Kudatera inkunga amakipe aliho kubera ko ntarushanwa ry'amakipe ya B.B. na V.B. lijya likoreshwa mu makomini.

Umuyobozi w'inama yavuze ko inama yabo igamije gufata imigambi ihamye, aho ikintu iki n'iki kidasanzwe bakagitangira, ibyo batishoboreye bigashyikilizwa inzego zibishinzwe zikabagoboka.

Ingingo yerekeye animasiyo ntibayitinzeho cyane kuko basanze ali ikintu kimaze gucengera mu baturage. Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino mu makomini bamubwiye ko Animasiyo mu ma Segiteri imaze gukomera.

Ahanini igizwe n'abakobwa babyina n'abahungu bahamiliza. Abali mu nama bifuje kubona amabwiliza yabafasha gutangiza za Ballets za Komini, bagashakirwa n'imyambaro ya ngombwa. Bumvikanye kandi ko bagomba gufatanya bagahashya urubyiruko rwilirwa rutera urusimbi, rukina igisoro n'amakalita hafi y'utubali bitegera amacupa. Bibukijwe kandi kubwiliza urubyiruko gukora umuganda.

- Mbere yo gusoza inama, abali bagize iryo koraniro batanze ibyifuzo byabo :

. Barasaba ko ibikoresho Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino itanga byo gufasha amashyirahamwe byagera muli buli Komini

. Barasaba utunyamakuru tubigisha neza ibyerekeye umulimo wabo

.../...

- Barasaba ko Komini zifite ibishanga zabirekulira amashyirahamwe y'urubyiruko bitaruhanije
- Balifuza ko imikino ikorerwa muli Su/Prefegitura Nyabisindu yajya ivugwa kuli Radiyo
- Inama yarangije imilimo yayo saa munani.

## Ibitekerezo.

- Muli iyi minsi ishize habayeho ihugurwa ry'abayobozi b'urubyiruko n'Imikino mu makomini yose y'u Rwanda, inyigisho nyinshi bifuzaga kumenya barazibonye. Nizeye rero ko basobanukiwe mubyo batumvaga.
- Inama nk'izi ni nziza kuko abayobozi bahura n'abayoborwa, bagashakira hamwe ibisubizo by'ibibazo bahura nabyo mu kazi kabo.
- Ibaruwa y'ibarura ry'urubyiruko yohererejwe ababurugmestri n'abayobozi b'urubyiruko muli za Prefegitura; abayobozi b'urubyiruko mu ma komini nabo bagomba kuyibona bigatuma bakorana uwo mulimo, naho ubundi bamwe baterera agati mu ryinyo bavuga ko atari akazi kabo.

Kigali, le 8/11/1983

MUKABURASA Spéciose.-

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE BUTARE
S/PREFECTURE NYABISINDU
ENCADREMENT S/REGIONAL DE
LA JEUNESSE ET DES SPORTS
NYABISINDU

Nyabisindu, le 03/10/1983

n° 004/12.07

A traiter par : DEJ.
Date entrée : 5/9/83
N° Classement : 4801/12/04

Impamvu : Inyandiko-mvugo y'Inama yo ku italiki ya 15/09/1983.

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
muli Prefegitura
BUTARE

Bihyujijwe kuli Bwana S/Prefe wa
S/Prefegitura
NYABISINDU

PREFECTURE BUTARE
S/PREFECTURE NYABISINDU

Bwana Umuyobozi,

Mboherereje Inyandiko-mvugo y'inama y'Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli Komini za S/Prefegitura ya Nyabisindu, yateraniye mu Biro by'Ubuyobozi bw'Urubyiruko n'Imikino muli S/Prefegitura taliki ya 15/09/1983.

Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli
S/Prefegitura ya Nyabisindu
NYIRASHYAKA Stèphanie.

Stephanie

menyeshejwe :

- Bwana Ministri w'Urubyiruko n'Imikino
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Komini : ...yira, Ntyazo, Rusatira na ...abisindu.
- Bwana Burgumestri wa Komini ...yira, Ntyazo, Rusatira na ...bisindu.

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA Y'ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO N'IMIKINO BO MULI KOMINI ZA S/PREFEGITURA YA NYABISINDU YATERANYE TALIKI 15 NZELI 1983.

---

Inama yabereye mu Biro by'Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikono kuli S/Prefegitura ya Nyabisindu iyobowe na Mademoiselle NYIRASHYAKA Stéphanie aliwe Muyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli iyo S/Prefegitura.

Abali mu nama

1° BIZIMANA François, Encadreur wa Komini ya Rusatira
2° KAJYIBWAMI Philippe, Encadreur wa Komini ya Nyabisindu
3° SINZINKAYO Laurent, Encadreur wa Komini ya Ntyazo
4° RWANDENZI Augustin, Encadreur wa Komini ya Muyira.

Ku murongo w'ibyigwa hali ingingo eshatu

1° Kwibwirana kw'Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli za Komini n'Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli S/Prefegitura.

2° Kurebera hamwe ibibazo Urubyiruko rufite, tugashakira hamwe ibisubizo bityo tukabona ingingo z'ingenzi za Programu twakulikiza mu kazi kacu.

3° Kumva ibibazo n'ibyifuzo by'abali mu nama.

Nubwo Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli S/Prefegitura ya Nyabisindu yali yateganyije gutangiza inama mu ma saa mbili ya mu gitondo, ntabwo byashobotse kubera guturuka kure kwa bamwe bigatuma badashobora kuhagerera isaha. Bityo rero Mademoiselle Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli S/Prefegitura ya Nyabisindu yatangije inama saa tanu n'igice (11h30') abanza kubasomera ingingo zo kumurongo w'ibyigwa. Amaze kuzibasomera yabasabye guhindura icyaba kitumvikana cyangwa kwongeraho icyo yaba yibagiwe.
Abonye ntacyo abali mu nama bahinduye cyangwa ngo bongereho, ubwo habayeho kwibwirana ali nayo yali ingingo yambere.

Iyo ngingo irangiye, mbere yo gufata ingingo ya kabili, Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli S/Prefegitura yabanje kuvuga no gusobanuza Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino mu ma Komini bimwe mubyo atali yasobanukiwe muli za raporo yabonye. Kuli ibyo yibazaga cyane cyane niba umubare w'Urubyiruko kuva ku myaka 10 kugera kuli 24 yabonaga muli raporo wali uw'Urubyiruko rutiga kandi rudafite n'akazi.

.../...

Ali nayo mpamvu yabajije abali mu nama ati : "Birashoboka bite ko umubare w'Urubyiruko ugera ku bihumbi umunani cyangwa icyenda, abali mu mashyirahamwe ntibagere byibura kuli magana abili (200)?" Ibyo yali abiturukije kuko yabonaga nko muli Nyabisindu hali Urubyiruko rugera kuli 8.125, abali mu mashyirahamwe ali 106 gusa. Naho muli Rusatira hali Urubyiruko rugera kuli 9.861 abali mu mashyirahamwe ali 119 gusa. Andi ma Komini (Ntyazo, Muyira) ntacyo yashoboye kuyavuga ho kuko ali nta raporo zaho yali yabona. Kuli icyo kibazo rero, abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino mu ma Komini bamubwiye yuko mu mibare y'Urubyiruko rwose hamwe, haba halimo n'abiga, n'abafite akazi kubera ko bajya muli Komini bagafata umubare w'abantu bafite kuva ku myaka 10 kugera ku myaka 24 batiliwe barobanura.

Bamaze kubimusobanulira, yababajije niba nta kuntu babona umubare w'Urubyiruko rutiga kandi rudafite n'akazi kuko alirwo ahanini rukeneye kwitabwaho. Bamubwiye ko Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yakoresheje Ibarura ry'urwo rubyiruko imibare ikaba ishobora kuba ili muli za Komini. Bamusezeranya ko bazabaza ba Burgumestri iyo mibare bakazayimwohereza.

---

Ibyo birangiye bahise bafata ingingo ya kabili yo ku murongo w'ibyigwa.

2° Kurebera hamwe ibibazo Urubyiruko rufite, tugashakira hamwe ibisubizo, bityo tukabona ingingo z'ingenzi za prograrmu twakulikiza mu kazi kacu.

---

a) <u>Ibibazo by'Urubyiruko</u>

Kuli iyi ngingo basanze urubyiruko muli iki gihe;

- Rukeneye gukira vuba cyane kandi rutarushye.
- Rubura urutera inkunga mubyo rukora
- Rukeneye guhugurwa no gushyigikirwa
- Rubura aho rugulishiliza ibyo bejeje (abashoboye kwishyira hamwe)

Ibyo bibazo biramutse bibonewe imiti, (n'ukuvuga urubyiruko rukikuramo igitekerezo cyo gukira rutarushye, ababishinzwe nabo bakarutera inkunga mu milimo rwiyemeje gukora, bakaruhugura, bakarufasha gushaka ibikoresho byose cyane cyane baruha ubutaka bwa ngombwa bakanarufasha gushaka aho rugulishiliza ibyo rwejeje) basanze Urubyiruko rwaba nkuko byifuzwa.

Bityo rero abali mu nama biyemeje gukulikiza muli Programu yabo izi ngingo zikulikira :

.../...

b) Ibisubizo byenejwe

- Kumvisha urubyiruko akamaro ko gukora cyane cyane imilimo y'amaboko.
- Kumvisha Urubyiruko akamaro ko gukorera hamwe.
- Gushinga amashyirahamwe y'Urubyiruko muli buli Segiteri.
- Gushinga amashyirahamwe y'abanyamyuga (Ateliers) muli buli Segiteri.
- Gushyigikira no gukomeza amashyirahamwe y'Urubyiruko asanzwe aliho.
- Kumvisha ababyeyi akamaro byagilira abana babo baramutse bakulikije inama bagirwa ubutitsa.
- Gusaba ababyeyi gutera inkunga no kubafasha uko bashoboye mu gihe bibaye ngombwa, cyane cyane mu byerekeye gutangira.
- Gusaba Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino hamwe n'Ubutegetsi bwa za Komini gushakira Urubyiruko ibigo biruhugura mu byerekeye imyuga, kandi rwarangiza rukabona ibikoresho by'ibanze mu gihe rwishyize hamwe.
- Gushaka amasoko yo kugulishilizamo ibyo amashyirahamwe yejeje no guhana nta kubabalira abanyereza umutungo w'amashyirahamwe.

Bamaze kumvikana kuli ibyo bisubizo, ntibibagiwe ko nyuma y'imilimo hagomba kubaho kwidagadura. Bahise barebera hamwe rero ibyerekeye Imikino n'Animation.

a) Imikino

1° Umupira w'Amaguru : Kubyerekeye uyu mukino, Uwayoboraga Inama yavuze ko hagomba kuboneka amakipe ya za Segiteri, hanyuma amakipe ya za Komini; Yabasabye ndetse ko tournoi ya Prefegitura nirangira, hazahita hakorwa irushanwa ry'amakomini ya S/Prefegitura kugira ngo barobanure Ikipe izahagaralira S/Prefegitura ya Nyabisindu. Abali mu nama barabyemeye aliko bahita bamugezaho ingorane zikunda kuboneka muli uwo mukino :

1° Kubura Imipira
2° Kubura Inkweto za bigenewe (Godillot)
3° Kubura uburyo (imodoka) bwo guhuza abakinnyi n'abandi
4° Kubura aho barema ibibuga kubera imisozi mibi.
5° Kubura amafilimbi

Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli S/Prefegitura yababwiye ko ibyo bibazo azabishyikiliza abamutumye muli iyo S/Prefegitura. Aliko ko kukibazo cyo kubura uko barema ibibuga bareba ukuntu bahashyira undi mukino niba uwonguwo udashobotse.

2° Imipira y'intoke (Volley-Ball) na (Basket-Ball)

Yabasabye ko iyo mikino nayo yamenywa kandi igakinwa mu ma Segiteri yose, bikagera mu makomini hanyuma bakazabona amakipi ya S/Prefegitura

Yabasabye ko bakumvisha igitsina kobwa akamaro k'imikino nk'iyo, bityo bagakora amakipe y'abakobwa muli V.B no muli B.B mu ma Komini yose uko ali ane. Iyo mikino yombi nayo yaremewe aliko basanga hakili ingorane nyinshi.

- kuli Velley - Ball : -Kubura Filet
  - Kubura imipira yabigenewe
  - Kubura amafilimbi
  - Kudatera inkunga amakipe aliho kubera ko ali ntarushanwa ry'amakipe ya Volley-Ball lijya likoreshwa mu makomini.

Uwayoboraga Inama yabemereye ko ibyo bibazo nabyo azabibagereza ku nzego zo hejuru, hanyuma akazababwira icyo bazaba bamushubije.

- Kuli Basket-Ball : - Kuba umukino utali wumvikana neza mu giturage.
  - Kuba ali nta bibuga ndetse batazi n'ukuntu babica
  - Kubura ibikoresho bya ngombwa muli uwo mukino.

Ahangaha uwayoboraga inama yababwiye ko mbere yo kwaka ibikoresho azabanza kubashakira les documentations zizabafasha kumenya no kumenyesha abandi uwo mukino zikanabafasha kumenya kurema ibibuga byawo.

3° Athlètisme : Inama yasanze uwo mukino uzwi kandi ukunzwe n' abaturage gusa hakaba hali ingorane z'uko udashyigikiwe n'Ubutegetsi bwa Komini ukaba nta n'ibikoresho ufite ngo ushobore gukorwa neza. Bityo inama yemeje kuzashaka ukuntu Athlètisme ya shyigikirwa ikabona n'ibikoresho bya ngombwa.

b) Animation : Animation n'ikintu kimaze gucengera muli buli mutura Rwanda. Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli S/Prefegitura ya Nyabisindu yasabye Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli za Komini ko Animation yakorwa muli buli Segiteri. Mu makipe ya za Segiteri bagakuramo amakipe ya za Komini, kugeza babonye ikipe ya S/Prefegitura izajya iyiserukira muli Animation. Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino mu ma Komini bamubwiye ko Animation mu ma Segiteri imaze gukomera. Ikaba igizwe ahanini n'abakobwa babyina n'abahungu bahamiliza. Ko igisigaye ali ukubashakira amabwiliza y'ukuntu bakora ballet ya za Komini bagashakirwa n'imyambaro ya ngombwa. Mbere yo kuva kuli iyi ngingo y'imikino n'animation, Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli S/Prefegitura yamenyesheje abali mu nama ko adashyigikiye n'agato Urubyiruko rwilirwa rukinira igisoro, amakalita n'urusimbi hafi y' utubali rutega amacupa. Ndetse yabasabye gufatanya n'Ubutegetsi bubegereye bagaca burundu iyo mikino mu kitwa Urubyiruko kuko ikurura ubunebwe, ubusinzi ndetse n'ububandi alibyo byorezo byo kurwanya mu rubyiruko.

.../...

Yanabibukije ko bagomba kubwiliza Urubyiruko gukora Umuganda, kubaha no gufasha ababyeyi babo.

Ibyo birangiye bafashe ingingo ya Gatatu.

3° Ibibazo n'Ibyifuzo by'abali mu nama.

a) Barasaba ko ibikoresho Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino itanga byo gufasha amashyirahamwe byagera muli buli Komini. Ibyo ni amasuka, arrosoirs n'ibindi.

b) Balibaza impamvu imikino ikorerwa muli S/Prefegitura ya Nyabisindu itajya ivugwa m'Urubuga rw'Imikino kuli Radiyo y'u Rwanda.

c) Barasaba Brochures (Documentations) zibigisha neza ukuntu bakwikorera ibibuga, bakora za ballet za Komini n'ibindi bibareba mu kazi.

d) Barasaba ko Komini zifite ibishanga zabirekulira amashyirahamwe y' Urubyiruko bitagoranye.

e) Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino wa Komini Muyira arasaba Brochures ziliho inyigisho abandi bayobozi b'Urubyiruko n'Imikino mu ma komini babonye kuko we aliyo agitangira akaba ataligeze ahugurwa. Ndetse afite n'ingorane zo kutagira igikoresho na kimwe.

Inama yarangiye saa munani(14h)

Umwanditsi w'Inama

Umwe mu bali mu nama

KAJYIBWAMI Philippe.

Prezida w'Inama

Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli S/Prefegitura ya Nyabisindu

NYIRASHYAKA Stèphanie

/R.C./M.J./

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DES SPORTS
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, le 15/03/1983.

N°700 /12.17

Militant Burugmestri (Bose)
Binyujijwe kandi Bimenyeshejwe
Militant Ministre w'Ubutegetsi
bw'Igihugu p.o Kanyarushoki
KIGALI
KANYARUSHOKI Claver
Secrétaire Général.

Impamvu : Ibarura ly'Urubyiruko.

Militant Burugmestri,

Ndagusaba kunyohererereza bidatinze kandi bitarenze taliki ya 30 kamena umubare w'Urubyiruko rwa Komini ushinzwe rufite kuva ku myaka 10 kugeza kuli 24 yuzuye ku wa 31 ukuboza 1982 ukulikije igitsina, imyaka na cellule balimo.
Urubyiruko mvuga ni urutarashoboye kujya mu mashuli n'urutashoboye kuyakomeza.

Iryo barura ligomba gukorwa ku buryo bunonosoye kuko ali kimwe mu bintu by'ingenzi kandi bya ngombwa dushingiraho mu guteganya no gukora programu z'ibikorwa bya Kijyambere bizafasha Urubyiruko kwitunga no gukorera Igihugu.

Ikindi kandi kinteye kubasaba uwo mubare w'Urubyiruko ni uko hali ubwo duteganya gushyira umushinga ugamije guteza imbere Urubyiruko mu karere aka n'aka aliko ugasanga tutazi neza umubare w'Urubyiruko ruhatuye. Kuko imishinga nk'iyo igomba gushyirwa ahantu izateza imbere rubanda nyamwinshi.

Iyi fishi y'ingereka ni urugero rw'izo mugomba kuzuza.

Ministri w'Urubyiruko n'Imikino
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

REPUBLIQUE RWANDAISE – MINISTERE DE LA JEUNESSE & DES SPORTS

Bimenyeshejwe :
- Militant Prefe wa Prefegitura (Bose)
- Militant Umuyobozi w'Urubyiruko muli Prefegitura (Bose)

Ibarura ly'Urubyiruko rw'u Rwanda
ukulikije imyaka, igitsina na Cellule
(kugeza kw'italiki ya 31 ukuboza 1982)

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

Prefegitura :

Komini :

Segiteri :

| Imyaka | Cellule | Igitsina | | Igiteranyo |
|---|---|---|---|---|
| | | Abakobwa | Abahungu | Abakobwa + Abahungu |
| 10 | | | | |
| 11 | | | | |
| 12 | | | | |
| 13 | | | | |
| 14 | | | | |
| 15 | | | | |
| 16 | | | | |
| 17 | | | | |
| 18 | | | | |
| 19 | | | | |
| 20 | | | | |
| 21 | | | | |
| 22 | | | | |
| 23 | | | | |
| 24 | | | | |

Igiteranyo cy'Urubyiruko rwa Segiteri.